

UBUHINGZI BW'IBISHYIMBO BISHINGIRIRWA

Akamaro k'ibishyimbo bishingirirwa



Ibishyimbo bishingirirwa



Ibishyimbo bigufi

- Ibishyimbo bishingirirwa bigira **umusaruro mwinshi** ugereranyije n'ibigufi kuko ushobora kwikuba inshuro 3 kugeza kuri 4.
- Bitanga amafaranga menshi kubera umusaruro mwinshi ndetse no gukundwa ku isoko,
- Ibishyimbo bigira **itungamubiri nyinshi (Ibyubaka umubiri)** zijya kwegera iziri mu nyama, n'umunyu ngugu wa feri (Fe).
- Guhinga ibishyimbo byongera umunyu ntungabihingwa wa Azote mu butaka

Amwe mu moko Y'Ibishyimbo bishingirirwa ari mu Rwanda

Ibiberanye n'imisozi miremire



Gikundiro1 (Mac44)



Mpanguhe (RWV3317)



Vuzimpundu (RWV 3316)



Girubuzima (RWV 2887)



Rukundo (RWV2361)



Nyiramata(CAB 2)

Ibiberanye n'imisozi miremire n'iciriritse



MAC 42



Gikundiro 3(MAC 9)



MAC 28

Ibishyimbo bishingirirwa bihingwa ryari mu Rwanda?



Ibishyimbo bishingirirwa biterwa


- Ku **Muhindo** : Nzeri-Ukwakira (Igihebwe cya A),
- Mu **Itumba** : Gashyantare-Werurwe (Igihebwe cya B)
- Mu **Mpeshyi** mu bishanga: Gicurasi-Kamena (Igihebwe cya C).

Mu bihebwe bibiri bya mbere (urugaryi), ibishyimbo biterwa imvura imaze gusomya ubutaka neza.

Icyitonderwa :

Guhinga kare, ugatera kare byongera amahirwe yo kweza neza kandi byinshi.

Gutegura imbuto




Umuhinzi yitegura imbuto y'indobanure ingana n'ibilo biri hagati ya 40 na 60 kuri hegitari bitewe n'ubunini bw'ibishyimbo: ibilo 40 ku ntete ntoya, ibilo 60 ku ntete nini,

Imbuto nziza y'indobanure umuhinzi ashobora kuyivana:

- Muri RAB, cyangwa
- ku mutubuzi w'ibishyimbo wemewe na RAB cyangwa
- ku mucuruzi w'inyongeramusaruro wemewe.

Gutegura umurima n'ifumbire



Gutegura umurima : gusekera imbere y'ibyumweru 2 imvura itaragwa no gusanza neza mu gihe cy'itera.

Ifumbire: ku murima ufite intambwe 10 ku 10 (ari 1) bakoresha ifumbire y'imborera iboze neza ingana n'ibitebo 20 (ibilo 200) n'ifumbire ya DAP ingana na kimwe cya 2 cy'ikilo (1/2 kg).

Icyitonderwa

Iyo utabonye DAP ushobora gukoresha NPK 17-17-17 ibilo 2 cyangwa 3 kuri ari 1.

Iyo umuhinzi agiye guhinga ibishyimbo mu murima ufite ubusharire ashiramo ishwagara ingana na toni 5 kuri hegitare cyangwa ibilo 50 kuri ari.

Gutegura imishingirizo



Umuhinzi ategura imishingirizo 500 ku murima w'Intambwe 10 ku 10 (Ari 1) cyangwa imishingirizo 50,000 kuri hegitari (m100 X m100). Imishingirizo igomba kugira nibura uburebure bwa metero 2.5 (m2,5), Imishingirizo ituruka ku rubingo, inturusu, imigano, no ku biti bivangwa n'imyaka nka gereveriya, kaliyandara, lesena, alunusi, n'ibindi.

Gutera ibishyimbo



Ibishyimbo biterwa imvura imaze gusomya ubutaka neza. Biterwa kuri **cm 50** (intambwe ebyiri n'igice z'ikiganza) hagati y' umurongo n'undi na **cm 20** (intambwe imwe y'ikiganza) hagati y'utwobo tubiri. Utera **intete 2** muri buri kobo ku bujakuzimu bwa **cm 5**. Ni ngombwa gutera kumurongo

Kubagara no gusukira



Ibishyimbo bitangira kubagarwa bwa mbere bimaze **ibyumweru 3 kugera kuri 4** bitewe.

Gusukira/ kuhira bihita bikorwa **nyuma yo kubagara**. Iki gikorwa gifasha ibishyimbo kwihanganira indwara z'imizi. Bifasha kandi imishingirizo gukomera.

Icyitonderwa

Ni **ngombwa kubagara bwa kabiri** n'ikindi gihe cyose bibaye ngombwa kuko bifasha ibishyimbo kwera neza

GUSHINGIRIRA



Gushingiriza ibiti



Gushingiriza ibiti n'imigozi

Gushingirira bihita bikorwa nyuma yo kubagara no gusukira/kuhira, mbere y'uko **ibishyimbo bitangira kuzana urugoyi**. Ushobora gukoresha ibiti bisanzwe cyangwa se uruzitiro rw'ibiti ruvanze n'imigozi.

Icyitonderwa: Mu turere tumwe na tumwe nko mu majyaruguru bashingirira ibishyimbo bakimara gutera. Umushingirizo umwe ujya hagati y'imyobo 2 ugafata ibishyimbo 4.